REB
Rwanda Education Board

RP
RWANDA POLYTECHNIC

Kigali kuwa 10 Ukuboza 2020
N°:..3979../REB /TDM& CGC/20
Ref: RP/DVCAF/..636./2020

Madamu/Bwana Umuyobozi w' Akarere (Bose)
Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)

Impamvu: Urutonde rw'agateganyo rw'abasabye akazi ko kwigisha

Madamu/Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku Iteka rya Perezida N° 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho Sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'Incuke, Abanza, Ayisumbuye n'ay'Imyuga n'Ubumenyingiro mu ngingo ya 19;
Nshingiye ku ibaruwa N° 300/HRO/20 yo ku wa 09/10/2020 Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta (NPSC) yandikiye Minisitiri w'Uburezi yemera ubusabe bwo gushaka abarimu hakoreshejwe uburyo budasanzwe;

Tubohereje urutonde ruriho amanota agaragara ku ndangamanota (Academic transcripts/results slips) z'abasabye akazi ko kwigisha mu mashuri y'Incuke, Abanza, Ayisumbuye n'ay'imyuga n'Ubumenyingiro mu Karere mubereye umuyobozi kugira ngo rushyirwe ahagaragara bityo bifashe abasabye akazi kureba ko umwirondoro wose ndetse n'amanota yanditswe aribyo.

Mu rwego rwo gukomeza gufatanya mu gikorwa cyo gushaka abarimu ariko hubahirizwa ibiteganwa n'amategeko, ndabasaba ibi bikurikira:

- Kugaragaza urwo rutonde ahagenewe inyandiko n'amatangazo by'Akarere;

- Gushyira urwo rutonde ku rubuga rw'Akarere (district website);
- Gufatanya n'Intumwa za REB na RP kwakira no gukemura ibibazo by`abakandida batanyuzwe n'ibyatangajwe;
- Abakandida batanyuzwe n'ibyatangajwe barasabwa kugera ku biro by'Akarere basabyemo umwanya wo kwigisha kuva kuwa mbere, 14 Ukuboza 2020 kugeza ku wa gatatu tariki ya 16 Ukuboza 2020 saa kumi n'imwe (17h00) kugirango bagaragaze kandi bakemurirwe ibibazo byabo. Uzarenza itariki yavuzwe atagaragaje ikibazo cye azafatwa nk'uwemeye ibyatangajwe;
- Buri mu kandida utanyunzwe n'ibyatangajwe aziyizira gusobanura ikibazo cye yitwaje ibyangombwa by'umwimerere (Original) kandi uburyo bw'ikoranabuhanga ntibwemewe;
- Gufatanya n'intumwa za REB na RP gutanga raporo y'ibyavuye mu bujurire bw'abakandida ndetse n'urutonde ntakuka (final publication list) ruzashingirwaho mu gushyira abarimu mu myanya bitarenze taliki ya 16/12/2020.

Mugire amahoro.

Dr. SEBAGANWA Alphonse
Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo
Rwanda Education Board, REB

Dr. RUBERWA Alex
Umuyobozi Mukuru wungirije ushinzwe Ubutegetsi n'Imari,
Rwanda Polytechnic, RP

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe ICT na TVET
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)
- Bwana Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Polytechnic, RP